

**ITEGEKO N° 85/2013 RYO KUWA 11/9/2013
RIGENGA UBUCURUZI BWA PETEROLI
N'IBIYIKOMOKAHO MU RWANDA**

**LAW N° 85/2013 OF 11/9/2013 REGULATING
PETROLEUM AND PETROLEUM
PRODUCTS TRADE IN RWANDA**

**LOI N° 85/2013 DU 11/9/2013 REGISSANT
LE COMMERCE DU PETROLE ET DES
PRODUITS PETROLIERS AU RWANDA**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko

Article 2: Scope of this Law

**Article 2: Champ d'application de la présente
loi**

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definition of terms

Article 3 : Définition des termes

**UMUTWE WA II: IGENZURA
RY'UBUCURUZI BWA PETEROLI
N'IBIYIKOMOKAHO**

**CHAPTER II: REGULATION OF
PETROLEUM AND PETROLEUM
PRODUCTS**

**CHAPITRE II: REGULATION DU
COMMERCE DU PETROLE ETDES
PRODUITS PETROLIERS**

Ingingo ya 4: Urwego rubifitiye ububasha

Article 4: Competent Authority

Article 4 : Autorité compétente

**Ingingo ya 5: Inshingano z'Urwego rubifitiye
ububasha**

**Article 5: Responsibilities of the competent
Authority**

**Article 5: Attributions de l'Autorité
Compétente**

UMUTWE WA III: IMPUSHYA

CHAPTER III: LICENSES

CHAPITRE III: LICENCES

**Ingingo ya 6: Uruhushya rwo gukora
ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomakaho**

**Article 6: Petroleum and petroleum products
trade license**

**Article 6: Licence commerciale du pétrole et
des produits pétroliers**

Ingingo ya 7: Ibyiciro by'impushya

Article 7: Categories of licenses

Article 7: Catégories des licences

<u>Ingingo ya 8:</u> Gusaba guhabwa uruhushya rwo gukora ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho nayo	<u>Article 8:</u> Application for petroleum products trade license	<u>Article 8:</u> Demande d'une licence de commerce du pétrole et des produits pétroliers
<u>Ingingo ya 9:</u> Gutanga uruhushya	<u>Article 9:</u> Granting license	<u>Article 9:</u> Octroi d'une licence
<u>Ingingo ya 10:</u> Kongera igihe cy'uruhushya	<u>Article 10:</u> Renewal of license	<u>Article 10 :</u> Renouvellement de licence
<u>Ingingo ya 11:</u> Ihererekanya ry'uruhushya	<u>Article 11:</u> Transfer of license	<u>Article 11:</u> Transfert de licence
<u>Ingingo ya 12:</u> Ihagarikwa ry'agateganyo ry'uruhushya	<u>Article 12:</u> Temporary suspension of a license	<u>Article 12:</u> Suspension provisoire d'une licence
<u>Ingingo ya 13:</u> Ivanwaho rya burundu ry'uruhushya	<u>Article 13:</u> Revocation of license	<u>Article 13:</u> Révocation d'une licence
<u>Ingingo ya 14:</u> Kujuririra icyemezo cyafashwe	<u>Article 14:</u> Appeal on decision taken	<u>Article 14:</u> Recours contre une décision prise
<u>Ingingo ya 15 :</u> Gushyira ahagaragara uruhushya	<u>Article 15:</u> Display of a license	<u>Article 15:</u> Affichage d'une licence
<u>Ingingo ya 16:</u> Dupulikata y'uruhushya	<u>Article 16:</u> Duplication of a license	<u>Article 16:</u> Duplicata d'une licence
<u>Ingingo ya 17:</u> Igihe uruhushya rurangirira	<u>Article 17:</u> Termination of the license	<u>Article 17:</u> Expiration d'une licence
<u>UMUTWE WA IV:</u> UBURENGANZIZIRA N'INSHINGANO Z'UFITE URUHUSHYA	<u>CHAPTER IV:</u> RIGHTS AND OBLIGATIONS OF A LICENSEE	<u>CHAPITRE IV:</u> DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D'UNE LICENCE
<u>Ingingo ya 18:</u> Uburenganzira bw'ufite uruhushya	<u>Article 18:</u> Rights of a licensee	<u>Article 18:</u> Droits du titulaire d'une licence
<u>Ingingo ya 19:</u> Kubika ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari	<u>Article 19:</u> Document and bookkeeping and document recording	<u>Article 19:</u> Tenue de livres et pièces comptables
<u>Ingingo ya 20 :</u> Kubahiriza amabwiriza 'ubuziranenge	<u>Article 20:</u> Compliance with standards	<u>Article 20:</u> Respect des normes de qualité

Ingingo ya 21: Imeneka rya peteroli y'ibiyikomokaho

Ingingo ya 22: Umutekano wa peteroli n'ibiyikomokaho

Ingingo ya 23: Gutanga amakuru y'ibyerekeranye na peteroli n'ibiyikomokaho mu Gihugu

UMUTWE WA V: KWINJIRA MU BUCURUZI BWA PETEROLI N'IBIYIKOMOKAHO

Ingingo ya 24: Ubwisanzure mu kwinjira mu bucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho

Ingingo ya 25: Ibiciro bya peteroli n'ibiyikomokaho

Ingingo ya 26: Isaranganya ry'ibikorwa remezo bya peteroli

UMUTWE WA VI: KUBAHIRIZA UBUZIRANENGE NO KURENGERA IBIDUKIKIJE

Ingingo ya 27: Gukurikiza amabwiriza y'Ubuziranenge

Ingingo ya 28: Isuzuma-ngaruka ku bidukikije

Ingingo ya 29: Iringaniza mbanziriza-gipimo n'igenzura

Article 21: Petroleum and petroleum product spills

Article 22: Safety of petroleum and petroleum products

Article 23: Providing information regarding petroleum and petroleum products in the Country

CHAPTER V: ACCESS TO PETROLEUM AND PETROLEUM PRODUCTS TRADE

Article 24: Freedom in access to petroleum and petroleum products trade

Article 25: Petroleum and petroleum products prices

Article 26: Petroleum infrastructure sharing

CHAPTER VI: COMPLIANCE WITH STANDARDS AND PROTECTION OF ENVIRONMENT

Article 27: Compliance with standards

Article 28: Environmental impact assessment

Article 29: Calibration and verification

Article 21: Déversements du pétrole et des produits pétroliers

Article 22: Sécurité du pétrole et des produits pétroliers

Article 23: Fournir l'information sur le pétrole et des produits pétroliers dans le pays

CHAPITRE V: ACCES AU COMMERCE DU PETROLE ET DES PRODUITS PETROLIERS

Article 24: Libre accès au commerce du pétrole et des produits pétroliers

Article 25: Les prix du pétrole et des produits des pétroliers

Article 26: Partage des infrastructures pétrolières

CHAPITRE VI: CONFORMITE AUX NORMES ET PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT

Article 27: Conformité aux normes

Article 28: Saisine des l'impact sur l'environnement

Article 29: Calibrage et vérification

UMUTWE WA VII: IBITUNGURANYE, IBIGEKA BYA NGOMBWA N'IBY'INGOBOKA

Ingingo ya 30: Gahunda y'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho mu bihe byihutirwa

Ingingo ya 31: Urugero ruto ntarengwa rusigara mu kigega

Ingingo ya 32: Ibigeza bya Leta by'ingoboka

Ingingo ya 33: Gutanga cyangwa kugurisha peteroli iri mu bigega by'ingoboka bya Leta

UMUTWE WA VIII: IGENZURA

Ingingo ya 34: Uburenganzira bwo kugera ahantu hose no kuhaganzura

UMUTWE WA IX: GUFATIRWA IBYEMEZO N'IBIHANO

Ingingo ya 35: Amakosa rusange

Ingingo ya 36: Ibihano bijyanye no gucuruza ibikomoka kuri peteroli bitujuje ubuziranenge

Ingingo ya 37: Ibihano bijyanye no kutubahiriza urugero ruto ntarengwa rugomba gusigara mu kigega

Ingingo ya 38: Kwitabaza inkiko

CHAPTER VII: CONTINGENCY, COMPULSORY AND STRATEGIC STOCKS

Article 30: Emergency petroleum and petroleum products trade plan

Article 31: Minimum quantity to maintain in the stock

Article 32: Government strategic stocks

Article 33: Release or sale of Government strategic stocks

CHAPTER VIII: INSPECTION

Article 34: Rights of access to any area and inspection

CHAPTER IX: DECISION MAKING AND SANCTIONS

Article 35: General misconducts

Article 36: Penalties for adulterated petroleum products trade

Article 37: Penalties for not maintaining minimum quantity in the stock

Article 38: Recourse to court

CHAPITRE VII: CAS D'URGENCE, STOCKS OBLIGATOIRES ET STRATEGIQUES

Article 30: Plan d'urgence du commerce du pétrole et des produits pétroliers

Article 31: Quantité minimum à maintenir dans le stock

Article 32: Stocks stratégiques de l'Etat

Article 33: Libérer ou vendre les stocks stratégiques de l'Etat

CHAPITRE VIII: INSPECTION

Article 34: Droits d'accès et d'inspection de tout lieu

CHAPITRE IX: PRISE DE DECISION ET SANCTIONS

Article 35: Fautes générales

Article 36: Pénalités contre la vente des produits pétroliers frelatés

Article 37: Pénalités en cas de non respect de la quantité minimum à maintenir dans le stock

Article 38: Saisine des juridictions

**UMUTWE X: INGINGO Z'INZIBACYUHO
N'IZISOZA**

Ingingo ya 39: Igihe ntarengwa cyo guhuza imirimo n'iri tegeko

Ingingo ya 40: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 41: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 42: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

CHAPTER X: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 39: Deadline to conform activities with this Law

Article 40: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 41: Repealing provision

Article 42: Commencement

CHAPITRE X : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 39 : Délai limite d'adapter les activités à la présente loi

Article 40: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 41: Disposition abrogatoire

Article 42: Entré en vigueur

**ITEGEKO N° 85/2013 RYO KUWA 11/9/2013
RIGENGA UBUCURUZI BWA PETEROLI
N'BIYIKOMOKAHO MU RWANDA**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU I
GAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 09
Nyakanga 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92 iya 93,
iya 94, iya 108, iya 118 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano y'Ibihugu by'Afurika
y'Iburasirazuba agenga ihuza ry'imipaka yo ku wa
2/03/2004 nk'uko yemejwe n'Itaka rya Perezida
n° 24/01 ryo kuwa 28/06/2007 ryemeza burundu
Amasezerano yerekeye iyinjizwa rya Repubulika
y'u Rwanda mu Muryango wa Afurika

**LAW N°85/2013 OF 11/9/2013
REGULATING PETROLEUM AND
PETROLEUM PRODUCTS TRADE IN
RWANDA**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 09
July 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93,94
108, 118 and 201;

Pursuant to the Protocol on the establishment of
the East African Community Customs Union of
02/03/2004 as ratified by a Presidential Order n°
24/01 of 28/06/2007 on the Treaty of accession
of the Republic of Rwanda to the East African
Community, signed in Kampala on 18 June

**LOI N° 85/2013 DU 11/9/2013 REGISSANT
LE COMMERCE DU PETROLE ET DES
PRODUITS PETROLIERS AU RWANDA**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 09
juillet 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93,
94, 108, 118 et 201 ;

Vu le Protocole Instituant l'Union Douanière des
Pays de l'Afrique de l'Est du 02/03/2004 tel que
ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 24/01 du
28/06/2007 portant ratification du Traité
d'adhésion de la République du Rwanda à la
Communauté d'Afrique de l'Est, signé à

Official Gazette n° 46 of 18/11/2013

y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Kampala ku wa 18 Kamena 2007;

Kampala le 18 juin 2007;

Ishingiyeye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigenga uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8, iya 28, iya 29, iya 31, iya 67, iya 69, iya 73 n'iya 78;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda, especially in Articles 8, 28, 29, 31, 67, 69, 73 and 78;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda spécialement en ses articles 8, 28, 29, 31, 67, 69, 73 et 78 ;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 35/91 ryo kuwa 05 Kanama 1991 ryerekeye imitunganyirize y'ubucuruzi mu gihugu nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Pursuant to Law n° 35/91 of 05/08/1991 relating to the organization of internal trade as modified and complemented to date;

Vu la Loi n° 35/91 du 05/08/1991 relative à l'organisation du commerce intérieur telle que modifiée et complétée à ce jour;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'Ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Pursuant to Law n° 7/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date;

Vu la Loi n° 7/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 36/2012 ryo kuwa 21/09/2012 rigenga ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi;

Pursuant to Law n° 36/2012 of 21/09/2012 relating to competition and consumer protection;

Vu la Loi n° 36/2012 du 21/09/2012 relative à la concurrence et à la protection des consommateurs ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigenga ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu Rwanda.

This Law governs the trade of the petroleum and petroleum products in Rwanda.

La présente loi régit le commerce du pétrole et des produits pétroliers au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu Rwanda, harimo gazi isukika n'amavuta akoreshwa mu nganda, bituruka kuri peteroli. By'umwihariko rireba itumizwa mu mahanga, iyoherezwa mu mahanga, ubwikorezi, itunganywa, ihunikwa, ikwirakwizwa, iranguzwa, idandazwa n'igurishwa ryabyo.

Iri tegeko kandi rireba inyubako n'ibikorwa bifitanye isano n'ubucuruzi bwa peteroli na gazi isukika.

Cyakora, ntirireba gazi karemano icukurwa mu Rwanda.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

1° **gahunda yihutirwa y'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho:** gahunda yihutirwa y'icuruzwa rya Peteroli n'ibiyikomokaho yemejwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;

2° **ibiciro fatizo:** ibiciro byemejwe na Minisiteri ifite ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu nshingano zayo ku bikomoka kuri peteroli ibona ko ari ngombwa ;

Article 2: Scope of this Law

This Law shall apply to the trade of petroleum and petroleum products in Rwanda including liquefied gas and industrial petroleum products. This Law shall apply specifically to import, export, transportation, processing, storage, distribution, wholesale and retail sale.

This Law shall also apply to facilities and other activities related to petroleum and liquefied petroleum gas.

However, this Law shall not concern the natural gas extracted in Rwanda.

Article 3: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meaning:

1° **emergency petroleum and petroleum products trade plan:** emergency petroleum and petroleum trade plan approved in accordance with this Law;

2° **reference price:** price approved by the Ministry in charge of trade of petroleum products for petroleum products as may be deemed necessary;

Article 2: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique au commerce du pétrole et des produits pétroliers au Rwanda y compris le gaz liquéfié et les produits pétroliers à usage industriel. Elle s'applique spécialement à l'importation, à l'exportation, au transport, au traitement, au stockage, à la distribution et à la vente en gros et en détail du pétrole et des produits pétroliers.

La présente loi régit également les installations et autres activités liées au commerce du pétrole et du gaz liquéfié.

Toutefois, la présente loi ne vise pas le gaz naturel extrait au Rwanda.

Article 3 : Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes suivants sont définis de la manière suivante:

1° **plan d'urgence du commerce du pétrole et des produits pétroliers:** plan d'urgence pour le commerce du pétrole et des produits pétroliers approuvé conformément à la présente loi ;

2° **prix de référence:** prix approuvé par le Ministère ayant le commerce de produits pétroliers dans ses attributions pour les produits pétroliers jugés nécessaires ;

3° **ibigega bya Leta by'Ingoboka:** ibikomoka kuri peteroli bibitswe mu bigega mu Rwanda bikozwe na Leta cyangwa mu izina ryayo nk'uko biteganywa n'iri tegeko;

4° **ibikomoka kuri peteroli:** ibikomoka kuri peteroli byaba bisukika, bitumuka cyangwa bidasukika, ibitanga ingufu cyangwa amavuta abozeza, byaba bikoreshwa cyangwa bidakoreshwa, n'ibindi byose bikoreshwa ku mpamvu ibikomoka kuri peteroli bishobora gukoreshwamo;

5° **ibwiriza ryemewe ku rwego rw'Igihugu :** ibwiriza ry'ubuziranenge ryemejwe kandi ryatangajwe n'Urwego rushinzwe ubuziranenge kugira ngo rikoreshwe mu Rwanda;

6° **imeneka rya peteroli n'ibiyikomokaho:** gutakaza peteroli cyangwa ibiyikomokaho biri mu bubiko, mu mpombo, mu bwato, cyangwa mu modoka bigatumukira mu kirere cyangwa bikameneka ku butaka cyangwa se mu mazi ;

7° **ingano ya peteroli n'ibiyikomokaho bicuruzwa:** peteroli n'ibiyikomokaho bibitswe mu Rwanda n'abafite uruhare mu nzira y'icuruzwa rya peteroli hagamijwe kubicuruzwa;

8° **inzira y'icuruzwa:** ibikorwa byose, imirimo, inyubako, ibikoresho n'ibindi bijyanye, mu buryo buzuguye cyangwa butaziguye, n'ibikorwa by'icuruzwa rya peteroli

3° **Government strategic stocks:** Petroleum products kept in storage in Rwanda by or on behalf of the Government as referred to in this Law;

4° **petroleum products:** any liquid, gaseous or solid petroleum, or fuel or lubricant, whether used or unused, including any other substance used for a purpose for which petroleum products may be used;

5° **National standard:** standard adopted and made public by the Standards Authority for use in Rwanda;

6° **Petroleum and petroleum products spills:** loss from a storage tank system, pipeline, tank vessel or vehicle of petroleum or petroleum products released into air or spilt on the soil or into water;

7° **quantity of traded petroleum and petroleum products:** petroleum and petroleum products kept in storage in Rwanda by stakeholders in the petroleum trade chain purposes;

8° **trade chain:** all operations, activities, installations, equipment and other facilities directly or indirectly related of the petroleum and petroleum products trade operations;

3° **stocks stratégiques de l'Etat:** produits pétroliers conservés dans des entrepôts au Rwanda par ou au nom de l'Etat tel que stipulé par la présente loi;

4° **produits pétroliers:** tout pétrole liquide, gazeux ou solide ou carburant, lubrifiant, utilisés ou non, y compris toute autre substance susceptible d'être utilisée pour les mêmes fins que les produits pétroliers ;

5° **norme nationale:** norme adoptée et rendue publique par l'Autorité de normalisation pour être utilisée au Rwanda ;

6° **déversements de pétrole et des produits pétroliers:** perte à partir d'un système de stockage, d'un oléoduc, d'un réservoir d'un bateau ou d'un véhicule, du pétrole ou des produits pétroliers dégagés dans l'air ou déversés sur le sol ou dans l'eau;

7° **la quantité du pétrole et produits pétroliers en vente :** pétrole et produits pétroliers gardés en stock au Rwanda par les parties prenantes dans la chaîne du commerce du pétrole à des fins commerciales;

8° **chaîne du commerce :** toutes opérations, activités, installations, équipements et autres aménagements directement ou indirectement liés aux opérations de commerce du pétrole et des

Official Gazette n° 46 of 18/11/2013

n'ibiyikomokaho;

9° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu nshingano ze;

10° **ububiko bukoreshwa n'umuntu ku giti cye :** ububiko bwa peteroli n'ibiyikomokaho bukoreshwa hatagamijwe ubucuruzi cyangwa inyungu za rubanda ;

11° **ububiko bujyana n'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho:** ububiko bwa peteroli n'ibiyikomokaho bukorwa hagamijwe ubucuruzi ;

12° **ububiko bukozwe mu nyungu za rubanda :** ububiko bwa peteroli n'ibiyikomokaho butagamije ubucuruzi bukorwa mu rwego rwo kugoboka ubucuruzi bwa peteroli mu gihe habaye ibura rya peteroli ;

13° **ubujeni:** uburyo bugaragara bw'umutekano bukozwe mu bikoresho bimeze nka plastiki, muri plastike, mu cyuma cyangwa mu makabule bukoreshwa mu gufunga ahasohokera petroli n'ibiyikomokaho ku buryo butanga ikimenyetso ko hangijwe n'umutekano hagamijwe kugenzura ubujura cyangwa kwandura bitewe n'impanuka cyangwa bikoze ku bushake mu modoka n'ubwikorezi cyangwa ku bindi bipimo bikoreshwa mu bucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho ;

14° **ufite uruhushya:** umuntu uwo ariwe wese wahawe uruhushya rwo gukora ubucuruzi bwa

9° **Minister:** Minister in charge of petroleum and petroleum products trade;

10° **stock used by an individual:** petroleum and petroleum products storage used neither for trading purposes nor for public interest;

11° **stock connected with petroleum and petroleum products trade:** petroleum and petroleum products storage for trading purposes;

12° **storage made for the public interest:** petroleum and petroleum products storage used for non-trading purposes so as to come to the rescue of petroleum trade in case of petroleum shortage;

13° **seal:** security material mechanism in form of polypropylene, plastic, metal or cable used for closure of outlets in a way that provides tamper evidence and some level of security to detect theft or contamination, either accidental or deliberate in vehicles and carriages or any other measuring tools used in petroleum and petroleum products trade;

14° **licensee:** person to whom the license for petroleum and petroleum products trade is

produits pétroliers;

9° **Ministre:** Ministre ayant le commerce du pétrole et des produits pétroliers dans ses attributions;

10° **stock utilisé par un individu:** stock du pétrole et des produits pétroliers utilisé à des fins non-commerciales ou d'intérêts publics;

11° **stock lié au commerce du pétrole et des produits pétroliers :** stock du pétrole et des produits pétroliers utilisé à des fins commerciales;

12° **stock du pétrole utilisé à des fins d'intérêt public :** le stock du pétrole et des produits pétroliers utilisé à des fins non-commerciales en vue de venir à la rescousse du commerce du pétrole en cas de pénurie du pétrole;

13° **scellé:** mécanisme de sécurité matérielle sous forme de polypropylène, de plastique, de métal ou de câble utilisé pour fermer les vannes d'une manière qui fournit une preuve d'altération et un certain niveau de sécurité en vue de détecter le vol ou la contamination, soit accidentel ou délibéré dans les véhicules et les transports ou toute autre forme de mesures utilisés dans le commerce du pétrole et des produits pétroliers ;

14° **titulaire de licence :** toute personne qui détient une licence du commerce du pétrole et des

peteroli n'ibiyikomokaho;

15° **uruhushya:** icyemezo gitangwa n'Urwego rubifitiye ububasha cyemerera umuntu gukora ibikorwa byose by'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho;

16° **Urwego rubifitiye ububasha:** Urwego rwa Leta rufite mu nshingano gukurikirana ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho;

17° **peteroli:** peteroli kamere cyangwa invange yabyo, byaba itumuka, bisukika cyangwa bidasukika hatarimo gazi karemano icukurwa mu Rwanda.

UMUTWE WA II: IGENZURA RY'UBUCURUZI BWA PETEROLI N'IBIYIKOMOKAHO

Ingingo ya 4: Urwego rubifitiye ububasha

Minisiteri ifite ubucuruzi mu nshingano zayo niyo igenzura ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena urundi rwego rugenzura ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho bibaye ngombwa.

Ingingo ya 5: Inshingano z'Urwego rubifitiye ububasha

Inshingano z'Urwego rubifitiye ububasha ni izi

issued;

15° **license:** legal instrument issued by the competent Authority and granting the right to carry out any Petroleum and petroleum products trade operations;

16° **competent authority:** the national institution with the mandate to regulate the petroleum and petroleum products trading activities;

17° **petroleum:** natural petroleum or mixture of it whether in gaseous, liquid or solid state, excluding natural gas extracted in Rwanda.

CHAPTER II: REGULATION OF THE TRADE OF PETROLEUM AND PETROLEUM PRODUCTS

Article 4: Competent Authority

The Ministry in charge of trade shall oversee petroleum and petroleum products trade.

A Prime Minister's Order may determine another regulatory authority for trade of petroleum and petroleum products if deemed necessary.

Article 5: Responsibilities of the competent Authority

The competent Authority shall have the

produits pétroliers;

15° **licence:** instrument juridique délivré par l'autorité compétente et accordant le droit de faire toute forme d'opération de commerce du pétrole et des produits pétroliers;

16° **autorité compétente:** institution nationale ayant dans ses attributions la régulation des activités de commerce du pétrole et des produits pétroliers;

17° **pétrole:** hydrocarbures naturels ou leur mélange, soit à l'état gazeux, liquide ou solide, à l'exclusion du gaz naturel extrait au Rwanda.

CHAPITRE II: REGULATION DU COMMERCE DU PETROLE ET DES PRODUITS PETROLIERS

Article 4 : Autorité compétente

Le Ministère ayant le commerce dans ses attributions assure la supervision du commerce du pétrole et des produits pétroliers.

Un arrêté du Premier Ministre peut si nécessaire, désigner une autre autorité de régulation du commerce du pétrole et des produits pétroliers.

Article 5: Attributions de l'autorité compétente

L'Autorité compétente a les attributions

Official Gazette n° 46 of 18/11/2013

zikurikira :

1° gukurikirana no kugenzura ubucuruzi bwa peteroli, ibiyikomokaho n'ibikorwa bifitanye isano nabwo byose;

2° gukurikira no kugenzura ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho, inyubako n'imiyoboro bijyana peteroli;

3° gutanga impushya;

4° guteza imbere ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu buryo buhoraho, bufite umutekano, bukuriye kandi ku kiguzi kidahenze ku baguzi bose;

5° gutegura gahunda yihutirwa y'icuzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho;

6° gucunga mu izina rya Leta ibigega by'Igihugu bya peteroli by'ingoboka;

7° gushyiraho uburyo bwo kubika no guhererekanya amakuru ku icuzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho mu gihugu. Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nshingano n'uburyo zishyirwa mu bikorwa.

following responsibilities:

1° to monitor and oversee trade of petroleum, petroleum products and all related activities;

2° to monitor and oversee petroleum and petroleum products trade, installation and oil pipeline;

3° to provide licenses;

4° to promote trade of petroleum and petroleum products in a continuous, secure and adequate at a competitive cost for all consumers;

5° to design emergency petroleum and petroleum products trade plan;

6° to manage national strategic petroleum stocks on behalf of the Government;

7° to set recording system and sharing information relating to trade of petroleum and petroleum products in the country. A Prime Minister's Order may determine additional responsibilities and modalities of their implementation.

suyivantes:

1° faire le suivi et la régulation du commerce du pétrole, des produits pétroliers et autres activités connexes ;

2° faire le suivi et la régulation du commerce du pétrole et des produits pétroliers, des installations et oléoduc du pétrole;

3° octroyer des licences;

4° promouvoir le commerce du pétrole et des produits pétroliers d'une façon continue, sécurisée et adéquate à un prix abordable pour tous les consommateurs;

5° préparer le plan d'urgence du commerce du pétrole et des produits pétroliers ;

6° gérer au nom de l'Etat les stocks pétroliers stratégiques nationaux pour le compte du Gouvernement,

7° établir un système de stockage et d'échange d'informations sur le commerce du pétrole et des produits pétroliers au pays. Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer des attributions complémentaires et les modalités de leur mise en application.

UMUTWE WA III: IMPUSHYA

Ingingo ya 6: Uruhushya rwo gukora ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho

Ukora ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho ubwo ari bwo bwose agomba kubihurwa uruhushya n'Urwego rubifitiye ububasha.

Umuntu wese uhawe uruhushya rwo gukora ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho agomba gukurikiza ibiteganywa n'iri tegeko.

Nta muntu ukora nk'uhagarariye ufite uruhushya rwo gukora ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho keretse abihurwe uburenganzira n'uwahawe uruhushya kandi byemewe n'Urwego rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 7: Ibyiciro by'impushya

Impushya zitangwa mu bucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho ziri mu byiciro bibiri (2) bikurikira:

1° uruhushya rw'ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho harimo gutumiza mu mahanga, gupakira cyangwa gupakurura, gutunganya, gutwara, guhunika, gukwirakwiza, gucuruza, kuranguza cyangwa kudandaza peteroli n'ibikomoka kuri peteroli;

2° uruhushya rwo kubaka inyubako zifitanye

CHAPTER III: LICENSES

Article 6: Petroleum and petroleum products trade license

Any person who shall perform any type of petroleum and petroleum products trade shall have a license from the competent Authority.

Any person who obtains petroleum and petroleum trade operations license shall comply with the provisions of this Law.

No person shall act as representative of the petroleum and petroleum products trade licensee unless he/she has been given such right by the licensee and accepted by a competent authority.

Article 7: Categories of licenses

Petroleum and petroleum products trade operations licenses shall be in the following two (2) categories;

1° petroleum trade operations license including import, shipments and the off loading, processing, transport, storage, distribution, whole or retail selling of petroleum and petroleum products;

2° license of setting installations related to

CHAPITRE III: LICENCES

Article 6: Licence de commerce du pétrole et produits pétroliers

Toute personne qui effectue toutes sortes d'opérations du commerce du pétrole et des produits pétroliers doit avoir une licence délivrée par l'autorité compétente.

Toute personne qui détient une licence de commerce du pétrole et des produits pétroliers doit se conformer aux dispositions de la présente loi.

Personne ne peut agir comme représentant du titulaire d'une licence du commerce du pétrole et des produits pétroliers sauf si elle en a reçu l'autorisation du titulaire de licence et après approbation par l'autorité compétente.

Article 7: Catégories de licences

Les licences d'exploitation du pétrole et des produits pétroliers sont classées dans deux catégories suivantes:

1° une licence de commerce du pétrole et des produits pétroliers y compris l'importation, l'embarquement et débarquement, le traitement, le transport, le stockage, la distribution, la vente en gros ou en détail du pétrole et des produits pétroliers ;

2° une licence de construction des

isano na peteroli, harimo kubaka imiyoboro itwara peteroli, inyubako z'ibigeza binini bya peteroli, inyubako zitunganya gazi isukika ikomoka kuri peteroli, ahantu hakorerwa ubudandazi cyangwa indi nyubako iyo ariyo yose ijyanye n'imirimo ya peteroli, bigomba gukurikiza amategeko abigenga.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena andi moko y'impushya n'icyiciro cyazo. Rigena kandi amafaranga asabwa hakurikije icyiciro cy'uruhushya n'igihe rumara.

Ingingo ya 8: Gusaba guhabwa uruhushya

Usaba uruhushya cyangwa kongererwa igihe cy'uruhushya agomba gusaba mu nyandiko mu buryo bwagenwe n'Urwego rubifitiye ububasha, kandi akishyura amafaranga yagenwe yo gusaba urwo ruhushya.

Ingingo ya 9: Gutanga uruhushya

Mbere yo gutanga uruhushya, Urwego rubifitiye ububasha rwita kuri politiki n'amabwiriza bya Leta bijyanye n'ubucuruza bwa peteroli n'biyikomokaho.

Urwego rubifitiye ububasha rumenyeshya mu nyandiko uwemerewe uruhushya mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi, utarwemerewe akamenyeshwa impamvu.

petroleum, including construction of oil pipeline, oil tank, installation for transmission of gas fluid from petroleum, place of retail or any other construction related to petroleum activities, shall comply with related laws.

A Ministerial Order may determine other types of licenses and their categories. It shall also determine fees required according to the category and duration of the license to obtain any category of license and its duration.

Article 8: Application for license

An applicant license or the renewal of the license shall apply by writing as determined by the competent authority and shall pay any required fees for license.

Article 9: Granting license

Before granting the license, the competent authority shall consider the policy and rules of the Government on petroleum and petroleum products trade.

The competent authority shall notify in writing to the person granted a license in a period not exceeding thirty (30) working days and shall provide reason to the person whom the license was not granted.

installations de pétrole, y compris la construction des oléoducs, des citernes, des installations du traitement du pétrole en gaz liquéfié, de lieux de vente au détail ou toutes autres installations liées aux activités pétrolières, doivent se conformer aux lois qui les régissent.

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres types de licences et leurs catégories. Il détermine également les frais requis selon la catégorie et la durée de la licence pour obtenir une catégorie donnée de licence et sa durée.

Article 8: Demande d'une licence

Le requérant d'une licence ou de renouvellement de licence doit le faire par écrit en se conformant à la procédure fixée par l'autorité compétente et en payant les frais requis.

Article 9: Octroi d'une licence

Avant d'accorder la licence, l'autorité compétente tient compte de la politique et des instructions de l'Etat sur le commerce du pétrole et des produits pétroliers.

L'autorité compétente notifie par écrit la personne qui obtient une licence dans un délai n'excédant pas trente (30) jours ouvrables et fournit des raisons à la personne dont la licence est refusée.

Ingingo ya 10: Kongera igihe cy'uruhushya

Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya bikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi mbere y'uko itariki yo kurangira igera.

Iyo igihe ntarengwa cyo gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya cyubahirijwe ariko nta gisubizo cy'Urwego rubifiteye ububasha, uruhushya rukomeza kugira agaciro kugera igihe usaba asubirijwe.

Ingingo ya 11: Ihererekanya ry'uruhushya

Uwahawe uruhushya afite uburenganzira bwo kuruherekanya n'undi muntu cyangwa isosiyete igihe abisabye kandi bikemerwa n'Urwego rubifitiye ububasha.

Nyuma yo gusuzuma isaba ry'iherekanya ry'uruhushya, Urwego rubifitiye ububasha rufata umwanzuro wo kwemera cyangwa guhakana.

Umwanzuro w'Urwego rubifitiye ububasha umenyeshwa uwasabye mu nyandiko hanatangwa impamvu mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi, hakanatangwa impamvu z'icyemezo cyafashwe.

Ingingo ya 12: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'uruhushya

Urwego rubifitiye ububasha rushobora guhagarika uruhushya by'agateganyo mu gihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) iyo uwaruhawe akoze

Article 10: Renewal of a license

An application for the renewal of a license shall be made at least (30) thirty working days before the expiry date.

If the prescribed deadline for submission of an application for the renewal of the license has been respected but there is no response from the competent authority, the license shall continue to be valid until the applicant obtains a response.

Article 11: Transfer of a license

A licensee has the right of transferring the license to another person or company upon request to the competent authority and its approval

After considering the request for the license transfer, the competent authority shall decide whether to approve or reject the application.

The decision of the competent authority shall be notified to the applicant in writing in a period not exceeding thirty (30) working days and reasons for the decision taken shall be provided.

Article 12: Temporary suspension of a license

The competent authority may temporarily suspend temporary a license for a period of ninety (90) days if the licensee performs

Article 10 : Renouvellement d'une licence

La demande de renouvellement d'une licence se fait au moins trente (30) jours ouvrables avant la date d'expiration de la licence.

Si la période fixée pour la demande de renouvellement d'une licence a été respectée mais qu'aucune réponse n'a été donnée par l'autorité compétente, la licence reste valide jusqu'à ce que le requérant obtienne réponse.

Article 11: Transfert d'une licence

Le titulaire d'une licence a le droit de la transférer à une autre personne ou à une société sur demande approuvée par l'autorité compétente.

Après examen de la demande de transfert d'une licence, l'autorité compétente, décide d'approuver ou de rejeter la demande.

La décision de l'autorité compétente est notifiée au requérant par écrit dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours ouvrables et les raisons qui justifient la décision prise sont fournies

Article 12: Suspension provisoire d'une licence

L'autorité compétente peut suspendre temporairement la licence pour une durée de quatre-vingt dix (90) jours si son titulaire a effectué des opérations de commerce du pétrole et

Official Gazette n° 46 of 18/11/2013

ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho budateganyijwe mu ruhushya yahawe cyangwa atubahirije ibiteganywa n'amategeko.

petroleum and petroleum products trade operations that are not provided for in the license or did not comply with legal provisions of the laws.

des produits pétroliers qui ne sont pas prévues dans la licence ou ne s'est pas conformé aux lois.

Ingingo ya 13: Ivanwaho rya burundu ry'uruhushya

Article 13: Revocation of a license

Article 13: Rétrait définitif d'une licence

Urwego rubifitiye ububasha rushobora kuvanaho burundu uruhushya rwatanzwe iyo:

The competent authority may revoke the license in the following cases:

L'autorité compétente peut retirer définitivement une licence dans les cas suivants:

1° ufite uruhushya yanze gukuraho impamvu zatumye hafatwa icyemezo cyo guhagarika uruhushya cyangwa yananiwe gukuraho icyateye ihagarikwa ry'agateganyo mu gihe ntarengwa cyashyizweho;

1° where the licensee refuses to eliminate the causes that have resulted in the suspension of the license or has been unable to eliminate these causes within a fixed time;

1° lorsque le titulaire d'une licence refuse de mettre fin aux causes de suspension de la licence ou s'il a été incapable d'éliminer ces causes dans les délais impartis ;

2° bimaze kugaragara ko ufite uruhushya yahaye urwego rubifitiye ububasha amakuru atariyo igihe yasabaga uruhushya;

2° after finding the fact that the licensee submitted false information to the competent authority at the time of the application;

2° après le constat que le titulaire d'une licence a donné à l'autorité compétente de fausses informations lors de la demande;

3° ufite uruhushya yananiwe kwikosora agakomeza kutubahiriza ibiteganywa muri iri tegeko.

3° in case of deliberate violation of the provisions under this Law by the licensee.

3° en cas de violation délibérée des dispositions de la présente loi par le titulaire de licence.

Ingingo ya 14: Kujuririra icyemezo cyafashwe

Article 14: Appeal against a decision taken

Article 14: Recours contre une décision prise

Umuntu wese utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'urwego rubifitiye ububasha ashobora kujuririra Minisitiri asaba isubirwamo ry'icyo cyemezo mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira imenyeshwa ry'icyemezo.

Any person not satisfied with the decision taken by the competent authority may, appeal within fifteen days (15) following the notification of such a decision to the Minister to review that decision.

Toute personne qui n'est pas satisfaite par la décision prise par l'autorité compétente peut faire recours auprès du Ministre dans un délai de quinze (15) jours à compter de la notification de la décision pour sa révision.

Ingingo ya 15: Gushyira ahagaragara uruhushya

Uruhushya rwose rutanze n'Urwego rubifitiye ububasha nk'uko biteganywa n'iri tegeko rumanikwa ahantu hagaragara mu nyubako uwaruhawe akoreramo.

Ingingo ya 16: Dupulikata y'uruhushya

Iyo uruhushya rwatakaye, rwangiritse cyangwa rudasomeka, Urwego rubifitiye ububasha, rubisabwe, rutanga dupulikata y'uruhushya ku wemerewe hamaze kwishyurwa amafaranga yagenwe.

Ingingo ya 17: Igihe uruhushya rurangirira

Uruhushya rurangira:

1° iyo igihe cy'agaciro cyagenwe kirangiye;

2° iyo rukuweho hakurikijwe iri tegeko.

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'UFITE URUHUSHYA

Ingingo ya 18: Uburenganzira bw'ufite uruhushya

Ufite uruhushya afite uburenganzira bwihariye bwo:

Article 15: Display of a license

Every license issued by the competent authority as provided for by this Law shall be displayed in a prominent position on the premises of the licensee.

Article 16: Duplicate of a license

When the license is lost, spoiled or unreadable, the competent authority shall upon request and payment of a prescribed fee issue a duplicate to the licensee.

Article 17: Termination of the license

A license shall be terminated:

1° upon expiration of the license validity;

2° if it is revoked in accordance with this Law;

CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF A LICENSEE

Article 18: Rights of a licensee

A licensee shall have the following exclusive rights:

Article 15: Affichage d'une licence

Toute licence délivrée par l'autorité compétente conformément à la présente loi est affichée dans un endroit accessible au public dans les locaux de son titulaire.

Article 16: Duplicata d'une licence

Si une licence est perdue, altérée ou illisible, l'autorité compétente sur demande et moyennant paiement d'une rédevance prescrite, délivre un duplicata au titulaire de la licence.

Article 17: Expiration d'une licence

Une licence prend fin :

1° lorsque sa période de validité arrive à expiration ;

2° lorsqu'elle est retirée conformément à la présente loi.

CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D'UNE LICENCE

Article 18: Droits du titulaire d'une licence

Le titulaire d'une licence a les droits exclusifs suivants:

